# *Nuko Yesu Araza Maze Arahamagara*

Mutagatifu Yohani, igice cya 11, guhera ku murongo wa 18, ndashaka gusoma.

*I Betaniya hari bugufi bw'i Yerusalemu, nka sitadiyo cumi n'eshanu:*

*Nuko Abayuda benshi bari baje kwa Marita na Mariya, kubahumuriza, kuko musaza wabo yari yapfuye.*

*Marita yumvise ko Yesu aje, ajya kumusanganira: ariko Mariya asigara yicaye mu nzu.*

*Marita abwira Yesu ngo, Databuja, iyaba wari hano, musaza wanjye ntaba yarapfuye.*

*Kandi, n'ubu nzi yuko, ibyo usabye Imana byose . . . Imana izabiguha.*

*Yesu aramubwira ngo, Musaza wawe azazuka.*

*Marita aramubwira ngo, Nzi yuko azazuka mu muzuko wo ku munsi w'imperuka.*

*Yesu aramubwira ngo, Ni jye kuzuka nu . . . n'ubugingo: unyizera, naho yaba yarapfuye, azabaho:*

*kandi umuntu wese ukiriho unyizera ntazapfa iteka ryose. Mbese wizeye ibyo?*

*Aramusubiza ati, Yee, Databuja: nizeye yuko uri Kristo, Umwana w'Imana ukwiriye kuza mu isi.* (Noneho nimwiyumvire ibi!)

*Amaze kuvuga atyo, aragenda, ahamagara Mariya mushiki we rwihishwa, aramubwira ati, Umwigisha yaje, araguhamagara.*

2 Mureke dusenge. Data wa twese wo mw'Ijuru, Mu gihe tukigutegereje muri uyu mugoroba, hamiriza Ijambo ryawe mu mitima yacu. Ijambo Ryawe, umugaragu wawe, ndetse n'amagambo, byose turabikweguriye, mw'Izina rya Yesu Kristo. Amina.

Mushobora kwicara.

3 Impamvu ndi hano, ni ukugirango ngerageze gufasha ubwoko bw'Imana. Ntabwo ari ukubasengera gusa, no kurambika ibiganza ku barwayi, ahubwo ni ukugirango babashe kumenya ko Yesu ari hagati yacu, ko Umwana w'Imana ari hagati yacu. Uyu mugoroba turabwiriza ku nsanganyamatsiko ikurikira: *Nuko Yesu araza maze arahamagara.*

4 Maze rero, iki gihe turimo kuvuga hano, cyari igihe cy'ubwihebe. Niba mwarasomye neza iki gitekerezo mu buzima bw'Umwami wacu, tubona ko yari inshuti ikomeye y'uyu musore, Lazaro. Yari . . . Nyuma y'uko Yozefu agenda, cyangwa se nyuma yo gutandukana na Yozefu, Yagiye kubana na Marita, Mariya na Lazaro. Bari inshuti z'amagara. Bari bafite . . . yari ameze nk'umwungeri wabo, i—inshuti nyayo. Bari baramudodeye imyenda, ikanzu yo kwambara, ndemera nkurikije ibivugwa, ko iyo kanzu itagiraga iteranyirizo. Maze, bari baramukoreye neza ibintu byinshi kuko bamwizeraga. Ni ukubera ko bari—bari barizeye kandi barabibonye. Bari barasohotse mu matorero yabo kugirango bamukurikire. Kandi icyo cyari ikizira muri icyo gihe, kuko byashoboraga no gukurura igihano cyo kwicwa, aho gu—gusohoka mw'itorero.

5 Ariko, Yesu, uwo mugabo wagendagendaga hose, nk'uko babivugaga, asenyagura amatorero, avuga nabi abatambyi babo, n'ibindi—n'ibindi nk'ibyo, batekerezaga ko, arimo—arimo kubavuguruza. Kandi—kandi ku gikorwa cyonyine cyo kwatura ibyaha, uwo Mugabo yatumaga—yatumaga birukanwa mu masinagogi. Hanyuma iyo wirukanwaga mw'itorero, abantu ba—bakekaga ko nta yandi mahirwe yo gucungurwa. Niba utari umwe mu bagize agatsiko runaka, tuvuge nk'agatsiko k'Abafarisayo, Abasadukayo cyangwa abandi, nta gucungurwa kwanyu mu gihe muri hanze yako. Kandi bari bafite uburenganzira, urufunguzo, babishatse bashoboraga kugujugunya hanze. Bo ubwabo ni ko babitangazaga. Nta gitunguranye kirimo kumva ko Yesu yavuze ati: "Mwebwe, ku bw'imigenzo yanyu, mwakuyeho Ijambo ry'Imana nta mpamvu." Murabona?

6 Uyu munsi ibyo byongeye kuba, kuko tuzi ko akenshi amateka agenda agaruka. Birababaje ku—kubivuga, ariko ni uko byahanuwe ko ibyo bizongera kubaho, kandi byongeye kubaho.

Turabona ko Yesu atafatwaga nk'inyangamugayo.

7 Inshuro nyinshi, abantu bakunda gucira imanza abo batumvikana. Ibyo ntitugomba kubikora. Dushobora kutumvikana hagati yacu, ariko tukaba inshuti. Niba ntashobora kwemeranya n'umuntu, nkomeza kumukunda no kumusengera kandi kutemeranya nawe a- . . . na we bishingiye ku byanditswe, ndetse no kumurikirwa neza, byarutwa no kwicecekera. Nahitamo kutumvikana na we ariko mu buryo bwa gicuti, kuko mba mukunda, kandi nta—ntashaka ko arimbuka. Kandi nawe ni uko akwiye kubigenza kuri njye; ntidushaka kurimbuka. Kandi tugomba gushingikiriza ibitekerezo byacu ku cyo Ijambo rivuga. Ijambo ribe Ukuri. atari imigenzo n'ibitekerezo byacu, ahubwo ari ibyo We avuze; atari ubusobanuro bwihariye, ahubwo ari mu by'ukuri icyo Ijambo rivuze.

8 Ku mugoroba washize, nakoze ikintu gisa na sakirirego, ndizera ko hari kw'ifunguro rya mu gitondo ry'abakozi. Nanyujije Yesu ku ntebe y'urubanza. Naravuze nti: "Ibyo abantu bakoze muri icyo gihe, ni byo bagikora uyu munsi." Byaba byiza nsubiyemo gato, niba dufite umwanya. Nuko rero, navuze ko uyu munsi tubona ko . . .

9 Mu gihe cy'ivugurura rya Luteri, muri icyo gihe, yavuze ko umukiranutsi azabeshwaho no kwizera. "Umuntu wizera, ni we, uba ufite ikintu." Ariko twaje gusobanukirwa ko abenshi muri bo bahamya ko bizera, nta kintu bafite.

10 Mu gihe cya Yohani Wesileyi, igihe bahabwaga umugisha wa kabiri, bawise ugukiranuka, ugukiranuka kuzuye, bari banezerewe kandi basakuza. "Umuntu wese wasakuzaga hari Ikintu yabaga afite." Ariko baje gusanga icyo Kintu ntacyo bafite. Benshi barasakuzaga ariko ntacyo bari bafite.

11 Mu gihe cya Penekositi, abantu baravuze bati: "Ubu ukugarurwa kw'impano kwaje, umubatizo w'Umwuka. Uvuga mu ndimi afite Ikintu." Turabona ko benshi bavuze mu ndimi, ariko ntacyo bafite.

12 Ubwo abantu baravuze bati: "Ni byo, imbuto y'Umwuka, yari ibyo." Yoo, Oya, ntabwo ari imbuto y'Umwuka. Ubumenyi bwa gikristo burayifite, ku buryo bitoroshye . . . Urukundo ni imbuto y'Umwuka. Hanyuma, bafite urukundo ruruta urw'abandi bose, maze bagahakana Ubumana bwa Yesu Kristo; bamufata nk'umuhanuzi, nk'umuntu usanzwe. Murareba? Nta kigenda.

13 Munyemerere ibyo tubyibazeho mu gihe cy'umunota. Ducishe Yesu mu rubanza. Imana imbabarire ku bw'aya magambo mvugiye imbere y'imbaga y'abantu, ariko ngiye kumuvuguruza umunota umwe, ni ukugirango nyuma muze kubisobanukirwa. murareba?

14 "Ubu uyu mugoroba ndabafite hano imbere yanjye; ni mwebwe mbwira. Nari . . . " (ni ubushize igihe Yesu w'i Nazareti yari ari kw'isi.) "Nje imbere yanyu, kurega uyu Mugabo mukundwa, Yesu w'i Nazareti. Tuzi neza ko Imana ari urukundo. Bibiliya irabitangaza. Byiza cyane, urukundo, Umwuka, ubugwaneza, ukwihangana, ubwiyoroshye, urukundo n'ibindi. Noneho mvuze ko nshaka kubabaza ikibazo. Tugiye gufata icyo—icyo tuzi, Umukristo.

15 "Mwitegereze uriya mutambyi wanyu ushaje. Sekuruza wa sekuruza We yari umutambyi. yagombaga kuvukira mu muryango w'Abalewi kugira ngo abe umutambyi. Ubwo rero turabona ko mu buto bwe atabaho nka mwe mwese. Akora iki? Yiyegurira Imana, aguma aho hejuru yiga Ijambo, Ijambo ry'Imana. Araryiga umunsi n'ijoro, umunsi n'ijoro, agomba kumenya inyuguti yaryo yose, buri jambo ry'umuzingo. Agomba

kurifata mu mutwe. Gusa hariho ikintu kijyanye na ryo a—agomba kumenya.

16 "Hanyuma, uretse n'ibyo, igihe so na nyoko bashyingirwaga, ni nde wabahuje nk'umugabo n'umugore? Umutambyi wanyu ushaje wejejwe. Ni nde wigeze yegera so mu gihe byari bikenewe kugirango amugurize amafaranga yo kugombora ishyo rye mu gihe abo yari abereyemo imyenda bendaga kurimunyaga? Ni inde wamubaye hafi? Umutambyi wanyu mukundwa ushaje. Ni inde wari uri hafi ya mama wawe hariya mu cyumba cy'urwererero, mu gihe yari ari ku gise yitegura kukubyara? Umutambyi wanyu mukundwa ushaje. Ni inde uza kugusura mu gihe urwaye kandi bikenewe? Umutambyi wanyu mukundwa ushaje. Ni inde waguhaye umugisha, akakwegurira Imana, akanagukeba ku munsi wa munani? Umutambyi wanyu mukundwa ushaje. Mu gihe so na nyoko bari hafi gutandukana, ninde wabunze kugirango bakomeze babane? Umutambyi wanyu mukundwa ushaje. Iyo ikibazo kivutse aho mu gace mutuyemo, ni inde ugikemura? Ni Umutambyi wanyu mukundwa ushaje. Mu by'ukuri.

17 "Nuko rero, uwo Mutambyi mwiza ushaje wejejwe azi neza ko Bibiliya ivuga ko Imana isaba ko habaho umwana w'intama w'igitambo. Benshi muri mwe muri abacuruzi, ni ukuvuga ko mutoroye intama, nyamara, Imana irashaka intama. Bateguye ibiraro hariya, bagacururizamo umukumbi w'intama kugirango aba—abacuruzi baze kuzigura kugirango bazitambe nk'igitambo Imana itegeka ku bw'ubugingo bwabo.

18 "Uwo Mugabo ukiri muto witwa Yesu yakoze iki? Yaturutse he? Yavuze ko yabyawe n'isugi. Ni inde wari wumva ibintu bidasobanutse nk'ibi? Tuzi neza ko nyina yamubyaye mbere y'uko we na Yozefu bavuka, cyangwa se, Yavutse mbere y'uko Yozefu na nyina bashyingiranwa. Turabona rero ko, Afite ubu—Kw'itangiriro Afite ubuhamya bubi.»

19 "Afite ikarita yo mu kihe gice? Niba Yari Umuntu wejejwe, yiyometse ku kihe gice? Niba umutambyi wanyu yarize, akiga, akiga, akongera akiga, kugirango amenye iri Jambo; none nguwo Aje gusenya ibyo umutambyi yubatse. Uwo muzamwita 'Imana'? Mu by'ukuri si Yo.

20 "Noneho, wa munsi, mu gihe umutambyi yubakaga hariya, igi. . .aho mushobora kugura igitambo, uwo Mugabo ukiri muto yakoze iki? Yerekanye ubugwaneza? Yakubise, Yaboshye imigozi, imigwegwe n'imikoba, hanyuma arebana abantu umujinya; Ahirika ameza n'imigeri, maze aho ahakubitira abantu. Hanyuma ibyo mukabyita imbuto y'Umwuka, kurebana abantu umujinya? Hanyuma, mutege amatwi, kubuza umuntu kuramya Yehova! Umucuruzi ashaka kumuramya We; kandi ntiyoroye intama, maze ajyayo kuyigura. Ariko We, arabihirika, atera abantu imigeri arabasunika."

21 Muri icyo gihe ni inde ufite imbuto y'Umwuka? Yoo. Murabona? Dore. Murabona, Ntabwo ari imbuto y'Umwuka, si no kuvuga mu ndimi, nta n'ubwo ari n'igikorwa cyo gusakuza.

22 Muzavuga muti: "Hanyuma se, Mwene Data Branhamu, ubusobanuro ni ubuhe? Ubusobanuro ni ubuhe?" Uguhamirizwa kw'Ijambo ry'igihe.

23 Bari bafite Bibiliya. Yari neza uwo Yehova yari yaramenyekanishije mbere. Ibyo nta busobanuro bisaba. Hariya byarasobanuwe. Ngabo abatambyi banyu, ibyo bari bafite n'ibindi ntavuze, byari byarabaye akamenyero gusa, ariko icyo gihe ntibigeze babona Ijambo. Kandi We yagaragaje Ijambo rifite ubuzima muri icyo gisekuruza. Ni ubusobanuro bw'icyo gisekuruza.

24 Luteri yari afite ubusobanuro by'igihe cye, Wesileyi yari afite ubw'igihe cye, Pantekote yari ifite ubw'igihe cyayo, ariko twebwe, turi mu kindi gisekuruza. Ibyo bintu ni byiza. Ariko ni nk'iby'umwana ukivuka, afite urutoki, ijisho n'izuru, ariko nyuma y'igihe agomba kuba ikiremwa muntu. Agomba guhinduka akaba u—umwana ukuze; hanyuma akavuka, aba afite ubugingo, umubiri, umwuka, ashobora kuva aho ari.

25 Rero, turabona ko ibi byose, Yesu yari yarabitangaje mu magambo make, Abo yageneye ubugingo baramubonye. Ntabwo bari abantu benshi cyane; agatsiko ke ntikashoboraga kugereranywa n'abantu menshi cyane ba Kayifa. Kuki Kayifa yashoboraga guhuza abenegihugu bose. Yesu yahamagaye bake gusa. Ntabwo benshi bari bamuzi. Inshuro ibihumbi, igihe Yazaga ku isi, We yaje ku isi, Kandi igihe Yazaga kw'isi, abantu ntibigeze bamenye ko Yari ahari.

26 Ni ko bizonzera kumera! Azaza asanga abahamagariwe Ubugingo. azi uwahamagariwe Ubugingo. Ntabwo We a . . . ibyo ni akazi Ke ko kubyitaho.

27 Nyamara, tubona ko baje gusohoka mu rusengero, Maze baramwizera. Yari icyo Ijambo Ryari Ryaramuvuzeho.

28 Kandi, umunsi umwe, Yasohotse mu nzu yabo. Nifuzaga kuvuga ku bintu bitatu: Yesu yarasohotse; urupfu rwaraje; ibyiringiro byose biratakara. Ndavuga kuri ibi bintu bitatu mu minota mike.

29 Yesu yarasohotse. Mu gihe yagendaga, ibibazo byaravutse. Rero iyo abavuyemo, cyangwa iyo asohotse mu nzu yanyu, ibibazo biba biri mu nzira. Urugi ruba rukinguriwe Satani iyo Yesu yigendeye.

30 Yari yigendeye, kandi—kandi igihe yigenderaga, urupfu rwahise rwinjira. Kandi Yesu iyo asohotse, urupfu rurinjira. Gutandukana na We, ni urupfu, ku bw'ibyo urupfu rwinjiye igihe Yesu yasohokaga.

31 Kandi urupfu rwagumanye na Lazaro. Nuko bari batumye k'uwo bizeraga kandi bakundaga ngo aze asengere Lazaro, mu by'ukuri bari baramubonye kandi bazi ko Azi Imana, ni ibyo, "Ibyo ari byo byose, Imana. . . " Marita yabikomojeho igihe yavugaga ati: "Icyo uri bubwire Imana muri aka kanya, Imana iragikora." Yari yamenye ko We n'Imana bari Umwe. Yari Ijambo ry'igihe, uko ni ko yari abizi. Kandi yari azi ko ashobora guhura na We, ariko Yari Yagiye bamubuze ntibari bagishoboye kumugeraho. Nuko bamutumaho, ariko aho kuza ajya kure kurushaho. Nuko barongera bamutumaho, ariko aho kuza ajya kure kurushaho.

32 Hari igihe twibaza impamvu ibyo bintu bitubaho, ariko ntabwo Ibyanditswe bivuga ngo, "Ibintu byose bikorera hamwe kubw'ibyiza ku bakunda Imana"? Iba izi ibyo Ikora. Iyo Itinze, byose biba biri kuri gahunda. Izi ibyo Ikora. Haba hari impamvu.

33 Tubona ko muri Mutagatifu Yohana 5:19 yavuze ati: "Nukuri, ni ukuri, ndababwira yuko ari nta cyo Umwana abasha gukora ubwe atabonye Se agikora, kuko ibyo Se akora byose n'Umwana ari byo akora."

34 Ise yari yamubwiye ngo Agende, ngo ntahagere mu gihe cy'iminsi mike. Nyuma y'uko iyo minsi yuzura, icyo gihe Yavuze ibyo yagombaga kuvuga, bigira biti: "Inshuti yacu Lazaro irasinziriye."

Nuko aravuga ati: "Noneho, ameze neza."

35 Yaravuze ati: "Yapfuye. Kandi kubwawe nishimiye ko ntari mpari." Mu by'ukuri, bari bamutumyeho ngo aze kumureba kugirango Amukize cyangwa se ngo Ababwire icyagombaga gukorwa. Kandi Yari Azi icyagombaga gukorwa, Yakoze neza ibyo Yari Yasabwe gukora: kujya kure. Mumwitegereze hariya ku mva igihe Yahageraga. Yakigaragaje igihe yagarukaga akabona iyo nzu.

36 Bari batakaje ibyiringiro byose. Lazaro yari yapfuye. Buri saha, baratekerezaga bati: "Ashobora kuhasesekara. Ashobora kuhagoboka. Ashoboraga guhindukira akagaruka." Amaherezo, Lazaro yaje gupfa, ashiramo umwuka.

37 Baramujyanye, bamutera imibavu, bakurura amaraso bayamara mu mubiri we, bamuzingira mw'ishuka, hamwe n'imibavu, barayimutera hanyuma bamurambika mu mva, maze bashira ibuye ku muryango w'imva, kuko uko ni ko bashyinguraga abapfu. Bacukuraga umwobo mu butaka cyangwa se bakawucukura neza mu rutare, hanyuma bagashyira ibuye ku muryango, ni wo wari umuco wabo.

38 Umunsi wa mbere urahita, uwa kabiri urahita, uwa gatatu urahita, uwa kane urahita, umuntu yari yatangiye kuborera mu mva. Amazuru ye yari yamaze kuziba. Ndatekereza ko ikintu gitangira kuziba ari amazuru. Kandi yari yatangiye kubora. Umu—umubiri we wari wamaze gusubira mu gitaka cy'isi,

cyangwa se wari urimo gusubira mu gitaka cy'isi. Roho ye yari iri ahantu runaka, iri kure Ye ahantu hareshya n'iminsi ine y'urugendo.

39 Roho ye yari iri ahantu runaka, iri kure Ye ahantu hareshya n'iminsi ine y'urugendo. igihe ibyiringiro byose byatakazwaga. . .Bari bategereje, bibwira bati: "Nataza ku munsi wa mbere, azaza ku munsi wa kabili!" Ntibyaba. Maze arapfa, nuko Yesu ntiyaza. Maze ukwiheba kurabataha.

40 Nyuma y'igihe, hari umuntu ushobora kuba yarababwiye ati: "Umwigisha ari hanze." Turabona Marita amanuka mu nzira!

41 Yesu aza muri cya gihe cyo kwiheba, aho ibyiringiro byose biba byatakaye. Akenshi icyo gihe ni bwo Aza. Murareba? aza neza mu gihe cyo kwiheba gukabije, ni bwo Yesu aza gutabara.

42 Muri uyu mwanya mukurikire, Yaraje maze Ahamagara Marita. Ukugaragara Kwe kwabasubijemo ibyiringiro. N'ubwo uwo musore yari yapfuye bwose, muri ako kanya Ukugaragara Kwe kwagaruye ibyiringiro bishya.

43 Nshuti yanjye, wenda uyu mugoroba waba wicaye hano waratereranywe n'abaganga kandi ufite kanseri cyangwa indwara y'umutima. Wenda waba ugendera mu kagare, waramugaye, ubumenyi bw'isi bwose bwaravuze ko nta byiringiro ugifite; calisiyumu nyinshi ya—yarateje uduturugunyu ku magufa ya—ya—yawe, kugeza ubwo utakibasha no kuyahina. Cyangwa se waba ari umutima wawe urwaye kugeza ubwo umuganga avuga ko ushobora gupfa igihe icyo ari cyo cyose. Yoo, N'abantu benshi bafite kanseri n'igituntu, byaba ari byo byiringiro bya nyuma ufite, ukaba waratereranywe n'abaganga. Muri icyo gihe, kuba mu Ukugaragara kwa Yesu Kristo no kumenya Ukugaragara kwa Yesu Kristo bigusubizamo ibyiringiro.

44 Umuntu yanabigusubiriramo. Wenda waba utarigeze ubyumva mbere, ariko umuntu aramutse akubwiye ati: "Nzi ahantu hari itorero, ryemera Imana kandi risengera abarwayi," muri ako kanya (N'ubwo waba ugeze hafi yo gupfa. Murareba?), ibyiringiro bishya biravuka. Ibyo ni ko bimera iminsi yose. Kuri iyo saha y'ubwihebe, icyo gihe ni ho umuntu agira icyo avuga kuri ibyo, akakubwira ibya Yesu. Ukugaragara kwe kuzana ibyiringiro bishya.

45 Ese uyu mugoroba ibyo byagenda uko byagenze ku mugoroba w'ejo. igihe twabonaga Ijambo rihamirizwa nta gushidikanya na mba, ryahamirijwe kandi rikagaragazwa ko *ari* Yesu wabayeho hashize imyaka igihumbi na maganacyenda, wapfiriye i Kaluvari, ku munsi wa gatatu akazuka, akabonekera intumwa, agafungura amaso yabo, agatanga isezerano ry'uyu munsi, n'uyu mugoroba Ari hano, muri aka kanya ari hagati yacu, Ibyo bigomba kuzanira abantu ibyiringiro. Ibyiringiro bishya bizana umucyo.

46 Bishoboka ko hari uwavuga ati: "Itorero ryarakakaye mu gihe runaka. Ntitwongeye kubona amazi meza afutse hashize—hashize amezi runaka. Ntitwabonye ububyutse. Wagirango buri wese arimo kwivuruguta mu kiziba cyangwa ibindi nk'ibyo. Dupfa kujya mu rusengero, tukaririmba, maze—maze tukumva ubutumwa bugufi hanyuma tukigarukira." Ariko muri ako kanya, igihe dutangiye gukakara, ni bwo Yesu aza gutabara, akatubobeza, akatuzanira ikindi kintu gishya. Buri gihe aba ahari ngo abikore. Ibyiringiro bishya biraza igihe—igihe Yesu yinjiye. Ukugaragara kwe kuzana ibyiringiro bishya.

47 Marita yari azi ko Yari Jambo ry'Imana rigaragajwe. Yari yarumvise neza icyo gisekuruza. Mu bundi buryo, iyo aza kuba ataracyumvise, yari kuguma ari umworutodogisi. Yari gukomeza kuba umuyoboke w'itorero. Ariko yari yarabonye iryo Jambo ryasezeranijwe. Yari yarabonye iryo Jambo ryasezeranijwe rigaragazwa na We, kandi yari yarumvise ko Yari iryo Jambo rizima. Igihe yaryumvaga Rivugwa, ntiyitaga ku mubare w'abarisebya, cyangwa se ibindi ibyo ari byo byose, yahise asohoka yihuta uko ashoboye ngo ajye kumusanganira. Murabona? Yari azi ko Yari iryo Jambo ryigaragaje.

48 Nta gushidikanya ko yari yarasomye inkuru ya Eliya mu gihe cye. Rero, Yari Ijambo ry'Imana ryigaragaje muri icyo gihe. Yari umuhanuzi, kandi Ijambo ry'Uwiteka riza ku muhanuzi. Kandi mu gihugu hari umugore wari ufite umwana muto, yari yaramuhawe n'umugisha uwo muhanuzi yamwaturiyeho, hanyuma abyara uwo mwana.

49 Umunsi umwe, mu masaha ya saa tanu, uwo mwana afatwa n'indwara y'umusonga. Yari yajyanye mu murima na se, Bibiliya ntivuga ko ari uko byari bimeze, ko wari umusonga, gusa yarasakuje cyane, ati: "Umutwe uranyishe we! Umutwe uranyishe we!" hari mu ma saa tanu z'amanywa. Hanyuma se ategeka umugaragu kumusubiza imuhira. Nyina yamuryamishije ku bibero bye kugeza mu ma saa sita, nuko uburwayi bugenda bwiyongera, nuko bigeze aho arapfa.

50 Maze, aho kugirango yisaze asakuze, mu. . .abaturanyi bose bazaga barira bavuga inkuru nyinshi, uwo mubyeyi wari wapfushije umwana we ntibyigeze bimubuza amahoro, yamujyanye mu kumba gato yari yarateguriye umuhanuzi, amuryamisha ku buriri bwe, nka *gutya*. Hanyuma abwira umugaragu ati: "Ndekurira indogobe, ugende utumbiriye imbere kandi ntuhagarare ntabikubwiye." Yoo, Mana yanjye! Ni ibyo!

51 Nta gihe dufite cyo kujya impaka no gutongana. Icyo gihe cyarahise. Dukomeze. Tugomba kugerayo. Hari icyo dukeneye.

52 Maze, aravuga ati: "Genda, ntuhagarare keretse kugeza aho nza kubigutegekera." Baragenda kugeza bageze kuri Eliya.

53 Eliya yari umuntu w'Imana, atari nka Kristo; Kristo we yari azi ibintu byose, kuko Yari Imana. Eliya yari afite umugabane

muto w'Imana. Yari Kristo muri Eliya. Kandi bwari Ubutumwa bw'igihe, kuko uwo muhanuzi yari afite Ijambo ry'Uwiteka ry'icyo gihe.

54 Yesu yari Umwuzuro w'abo bahanuzi bose, buri wese muri bo yakoraga ibyo kumugaragaza byonyine. Ni ibyo gusa. Mu rugendo rwose kuva kuri Yozefu, duhereye kuri bya biceri mirongo itatu, hose, ya—yahagaririraga Kristo. Mose nawe ni uko!

55 Dawidi yari yicaye ku musozi nk'umwami wanzwe, arira kuko yari yaranzwe. Imyaka maganinani nyuma y'ibyo, Umwana wa Dawidi yiyicarira ku musozi. Wari Umwuka wa Kristo aho muri Dawidi. Kandi ya . . . Yoo Mana yanjye! Yari Igishyitsi kandi akaba n'Uwanzwe wo mu muryango wa Dawidi. Hanyuma, Yicara aho ku musozi, arira nk'Umwami wanzwe, "Yerusalemu, Yerusalemu, ni inshuro zingahe nashatse kukwitaho nk'uko inkoko yita ku mishwi." Ibyo byari ibiki? Yari Kristo muri icyo gihe.

56 Yari Kristo waririraga igihe Dawidi yandikaga iyi ndirimbo: "Mana yanjye, kubera iki wantereranye? Amagufa yanjye yose, baranyitegereza. Batoboye ibiganza n'ibirenge Byanjye. Bagabagabanye imyambaro Yanjye. Umwitero wanjye bawukiniyeho ubufindo." Yari Kristo wavugiraga muri Dawidi. Ni byo. Yari ukugaragara kw'Ijambo. Yesu yaraje kugirango arangize ibyo bintu byavuzwe n'abahanuzi, mu by'ukuri, abahanuzi bari bafite Ijambo.

57 Ibyo yarabivuze ejo nimugoroba, ko Yaje kugirango yuzuze ibyo abahanuzi bari baramuvuzeho, kuko bari bafite Ijambo. Kandi Eliya yari umuhanuzi w'Imana, Ijambo ryo muri icyo gihe.

58 Nuko Umusunamitikazi ategereza umuhanuzi kugeza igihe aziye akagaragaza ububasha bw'Imana, nuko yubarara hejuru y'umwana maze agarura ubuzima.

59 Kandi Marita agomba kuba yaramenye ibi, n'ubwo yari yitaye ku mirimo yo mu rugo, gusukura ibikoresho byo mu gikoni n'ibindi. Ariko hariya yagaragaje isura ye. Mu by'ukuri yagaragaje icyari muri we. Yahise ajya kumushaka. Niba Imana yari iri muri Eliya, Imana yagombaga kuba iri muri Kristo, kuko Yari yahamije ko Yari uwo Muntu. Amina. Ibyo ndabikunda, icyo cyemezo! Yagiye hafi Ye. Yagombaga kujya hafi Ye. Maze ibyo arabibona, igihe yageraga hafi Ye—hafi Ye; noneho nimwibuke, yari azi ko Atigeze Ahinduka, ko Imana itajya ihindura gahunda Yayo. Niba yari iri muri Eliya kandi ko Yashoboraga kuzura abapfuye, Yari muri Kristo kandi yashoboraga kuzura abapfuye, n'ubwo Itari Yabikoze, kuko yari ya Mana.

60 Ntabwo Yigeze Ihunduka! Ni ko bimeze ni Imana imwe kuri uyu mugoroba nk'uko yahozeho iminsi yose. Uko Yari iri Ejo ni ko Iri uyu munsi kandi ni ko izahora iteka ryose. Ntijya ihinduka.

61 Kandi Yari Azi ko yari yaremeye ko ibyo biri muri We. Murebe, neze mu minota mike ibyo byarahamirijwe, igihe

yamubwiraga ibyerekeye musaza we, yaravuze ati: “Mwami, njye—njye ndemera ko Uri.”

62 Maze Aravuga ati: “Ndi Ubuzima nkaba n’Umuzuko. Azabaho, n’ubwo yaba yarapfuye. Kandi umuntu wese uriho kandi akanyemera ntazigera apfa. NDIHO.” Ni ukuvuga NDIHO wari uri kumwe na Mose, mu gihuru cyakaga umuriro. “Ndi Umuzuko. Ndi Ubugingo. Nari urukuta. Ndacyari We iminsi yose. Ndi Ubuzima nkaba n’Umuzuko. Umuntu wese unyizera azabaho, n’ubwo yaba yarapfuye, azabaho. Buri wese uriho akanyemera ntazigera apfa.” Marita amaze kubona iyo gihamya ihebuje, ko Yari Ijambo ryasezeranijwe, Igihe Yavugaga. Ntiyashoboraga kubeshya kandi ari Umuhanuzi; ku bw’ibyo We, igihe Yavugaga ati: “Ndi NDIHO. Ndi Ubugingo nkaba n’Umuzuko.”

63 Yaravuze ati: “Uri Wawundi, Umwana w’Imana wagombaga kuza mw’isi. N’ubwo musaza wanjye yapfuye, akaba arambitse hariya mu mva, ya . . . umubiri we wamaze kubora; n’aka kanya, ibyo Wavuga, byasohora.” Ni byo!

64 Ibyo yashakaga, byari kumwumva Avuga ibyo! Amina. Yoo, Marita, tugeze he muri uyu mugoroba? “Vuga Ijambo rimwe gusa; umugaragu wawe arabaho!” Yashakaga kumwumva Avuga ibyo! Wenda abantu baba bari baje kumutekerereza ko ibyo Yari yabivuze, ariko nguwo Yari Ahibereye We Ubwe. O Mana, fungura amaso ahumye kugirango babashe kubona! Mu gihe We, mu Ukugaragara Kwe, buri gihe Avuga Ijambo, rigasohora.

65 Yaravuze ati: “Icyo uzasaba Imana cyose, Imana izakiguha. Ndifuza gusa kuyumva!” Yifuzaga kuyumva Ivuga Ijambo. Icyo ni cyo cyonyine yashaka kumva. Guhabwa Ijambo, icyo yari akeneye gusa ni ukuyumva Ivuga ko Yari kubikora.

66 Kandi Yahise abikora muri ako kanya, ariko, murabona, dukurikije iyerekwa Data Yari yamweretse, Yagombaga guhagarara hafi y’imva. Yoo, Mana yanjye! Mukomere ku kwizera kwanyu! Ibintu byose Imana ibigenza neza. Bizagenda neza. Yarategereje kugeza ageze ku mva.

67 Mubyitondere, yashoboraga gutuma Abivuga, ndetse n’igihe yari akiri . . . Ibyiringiro byari byatakaye, n’ibindi bisigaye. Yari yapfuye, yari arimo kuborera mu mva, ariko kumwumva gusa Avuga ibyo, ibyo ni byo byonyine yari akeneye.

68 Nuko, igihe yavugaga ati: “Ndi Ubuzima nkaba n’Umuzuko,” Marita yarabyizeye. Yarabyizeye. Noneho mubyitondere, yagombaga kwizera n’ibidashoboka, igihe yamwumvaga aravuga ati: “Ni njye kuzuka n’ubugingo. Azabaho, n’ubwo yari yapfuye, kandi umuntu wese uriho akanyizera uwo ntazigera apfa.” Yaravuze ati: “Ibi urabyizera?”

69 Kandi yaravuze ati: “Yego, Mwami, ndabyizera. Ndizera ko Uri Umwana w’Imana wagombaga kuza mw’isi.” Ibyo ndabikunda. Ibyo ndabikunda.

70 Njye—njye nari nabivuze mbere. Ibyo bishobora kuba byabaho n'ubu. Nabwiraga umugore hashize igihe, hari mw'itorero rimwe navuzeho mu kanya kashize, utizera ko Yari Imana, utizera Ubumana Bwe; kuri bo, yari Umuhanuzi gusa, Umuntu usanzwe.

71 Mu by'ukuri yari we. Yari we, kongeraho Imana. Murareba, yari ukugaragara. Yesu ni umubiri, Umwana, Umuntu; Imana Yari ikiba muri We. Imana yari muri We. Yari Imana-Muntu. Yari Umuntu, Icyo gihe Yari Imana yigaragaza mu mubiri. Iyo tureba Yesu, tubona Imana. Ni byo Yavuze ati: "Iyo mubonye Data . . . muba mumbonye, muba mubonye Data." Mu by'ukuri, ni ishusho, Yari Ijambo, Amina, Ijambo Ryahozeho mu ntangiriro. Amina.

72 Abahanuzi Yabise "imana." Mwari mubizi? Yaravuze ati: "Niba mwita 'imana abo Ijambo ry'Imana Ryamanukiye. Ni gute mwanciraho iteka, ndamutse mvuze ko ndi 'Umwana w'Imana'?"

73 Mu by'ukuri, rya Jambo ryavuze ko Yari kuba Ahari, none dore Ijambo ryongeye kugaragazwa. Nyamara ntibashakaga kubyizera.

74 Uwo mugore yarambwiye ati: "Ngiye kubikwereka." Yaravuze ati: "Nkunda kukumva ubwiriza, ariko hari ikintu kimwe ukabyaho."

"Ndamubaza nti, byiza cyane ni igiki?"

Aravuga ati: "Urata Yesu cyane."

75 Naravuze nti: "Nizere ko igihe Azagaruka ibyo ari byo byonyine Azampora." Maze aravuga . . . Naravuze nti: "Nizere ko ibyo byonyine ari byo Azakora, ikosa rimwe Azambonaho." Naravuze nti: "N'aho nagira indimi igihumbi, sinabasha kubisobanura uko bikwiye, yoo, icyubahiro kibe icy'Imana, Icyo Ari Cyo!"

Yaravuze ati: "Ariko mwebwe ho, mumugira Imana."

76 Naravuze nti: "Yari Yo. Cyangwa se, niba Atari Imana, Yari umushukanyi uruta abandi isi itari yarigeze ibona."

Aravuga ati: "Yari Umuhanuzi."

77 Naravuze nti: "Yari Umuhanuzi, ni ukuri: Imana-Muhanuzi, Umwuzuro w'Ijambo. Umuhanuzi yari afite Ijambo Ryamumanukiraga, ni cyo cyamugiraga—cyamugiraga kuba Umuhanuzi. Ariko Yesu Yari Umwuzuro w'Iryo Jambo."

78 Nuko aravuga ati: "Nshobora kubikwereka." Aravuga ati: "Mumugira Imana."

Ndavuga nti: "Yari Imana."

Maze aravuga ati: "Ntashobora kuba Imana."

Ngavuga nti: "Ariko . . . Yari Yo."

Aravuga ati: "Mwavuze ko mwizera Bibiliya."

Ndavuga nti: “Yego.”

79 Yaravuze ati: “Ngiye kubikwereka, nkoresheje Bibiliya yawe bwite, ko atari Imana.”

80 Ndavuga nti: “Ngaho binyereke. niba Bibiliya ibivuga, ndabyemera, kuko Ijambo ari ukuri.”

81 Yaravuze ati: “Ku nzira ugana ku mva ya Lazaro, murabyibuka muri Mutagatifu Yohana 11?”

Ndavuga nti: “Ni byo, mubyeyi.”

82 Yaravuze ati: “Ubu noneho, igihe Yari Ari mu nzira, Yararize. Bibiliya iravuga ngo: ‘Ararira.’”

Naravuze nti: “Ni byo koko, Bibiliya ivuga ko yarize.”

Yaravuze ati: “Ni gute yashoboraga kuba Imana kandi akarira?”

Ndavuga nti: “Yari Umuntu.”

“Umuntu n’Imana icyarimwe?”

83 Naravuze nti: “Ni byo, mubyeyi. Ntimwamubonye. Yari umu—umuntu igihe yajyagayo, arira hamwe n’abandi baririaga, ni ukuri, yababaranaga n’abababaye. Yari Umuntu. Ariko igihe Yiburungushuraga mu mubiri We muto akavuga ati: ‘Lazaro, sohoka’, maze umuntu wari warapfuye hashize iminsi ine, agahaguruka. Ibyo byagombaga kuba ari ibirenze kuba umuntu, Iyo yari Imana mu Muntu.” Ni inde wundi wazura abapfuye atari Imana? Ni Ubuzima n’Umuzuko! Ni byo.

84 Wa mugoroba ku Nyanja, igihe Yari ari hanze, ananiwe, Yari yiryamiye inyuma mu bwato, mu gihe amadayimoni icumi yari yarahiriye kumuroha mu mazi kuri uwo mugoroba, maze ubwo bwato buto bushaje butangira kwizunguza nk’umufuniko muri iyo Nyanja yibirandura. Ayo madayimoni yaribwiraga ati: “Noneho turamushoboye. Yasinziriye; bose turabasinziriza.” Yoo, Yari Umuntu, ananiwe, ariko igihe Yakangukaga, ikirenge cye akagishinga ku bwato, yubuye amaso maze aravuga ati: “Tuza, Ceceka” Maze imiraba n’imiyaga biramwumvira. Yari arengeje kuba umuntu.

85 Yari Umuntu igihe yasonzaga, Yamanukaga umusozi, ashakisha agace k’umugati cyangwa se ikindi kintu cyo kurya, cyangwa se imitini ku giti. Ariko igihe yafata imigati itanu n’amafi abiri maze akabigaburira abantu ibihumbi bitanu, Yari Imana muri uwo Muntu. Ni ukuri.

86 Yoo, Umuntu wese wagize icyo yiyumvisha yarabyizeye, abasizi bose barabyizeye. Ntibitangaje ko umwe muri bo yanditse ngo:

> Ari muzima, yarankunze; Apfa, Yarancunguye;
> Ahambwa, yahambanywe n’ibyaha byanjye abijyana kure;

Azuka, Ambaraho gukiranuka ibihe byose nta kiguzi:
Umunsi umwe azaza—Yoo, Mbega umunsi w'akatarraboneka!

87 Mu gihe Eddie Perronet, atashoboraga gucuruza indirimbo ze. umunsi umwe, igihe yari arimo kudidimanga kubera imbaraga z'Umwuka Wera, afata ikaramu, yandika indirimbo yo gufungura ku mugaragaro, igihe yandikaga ngo:

Mwese Nimukomere amashyi ugukomera kw'Izina rya Yesu!
Abamalayika bose bace bugufi bamwunamire;
Muzane ikamba ry'Ubwami,
Muritamirize Umwami w'abami! (Haleluya!)

88 Mu by'ukuri, ni byo twizera ko Yari. Ni byo, mugenzi.

89 Marita yagombaga rero kwizera ibintu bidashoboka dukurikije ibitekerezo byari bigezweho muri icyo gihe. Namwe mugomba kwizera ibidashoboka, kugirango murebe Ubuzima bushya, kugirango murebe ikintu kirimo kuba. Ariko iyo aza kumenya . . . Yamumenya nk'uko Ari Ijambo, ubwo ikidashoboka cyashoboraga kuba, kuko yari Umuremyi kandi yari gushyigikira ibyo Yavuze byose.

90 "Kandi byose bishobokera uwizera." Ni Ijambo Rye. Ariko ikidashoboka cyarashobotse igihe Imana yafatirwaga ku byo yavuze. Ni byo mugabo. Mu gihe Imana ifatiwe ku byo yavuze, ikidashoboka cya—cyaragaragajwe. Mu gihe Imana ivuze ko ikintu kizaba, mufate iryo Jambo maze muryitegereze, mwitegereze ikidashoboka kirimo kuba. Kizaba byanze bikunze.

91 Ariko mwitegereze, n'ubwo ibyo byabaye, Marita yaravuze ati: "Mwami, n'aka kanya icyo Wasaba Imana, Imana yagikora." Yari azi ko n'iyo yakumva gusa iryo Jambo rivuye muri We. Icyo ni cyo cyonyine yari akeneye, kumva iryo Jambo. Yego, cyari igihe kigoye cyane, nuko Yesu araza maze arahamagara. Yoo, Mbega ikintu cyiza babonye, Umuzuko!

Turebe ku bandi bantu babaye mu bihe bigoye.

92 Hariho umugabo witwaga Yobu, umwe mu bahanuzi ba kera bo muri Bibiliya. Yari umuntu ukomeye. Ya—yakundaga Uwiteka, kandi yari yarakoze uko ashoboye mu bwenga bwe. Satani ashaka kumugaragura, Nuko umunsi umwe abwira Imana . . . Yego, Imana, irayibwira iti: "Uraturuka he, Satani?"

93 Yaravuze iti: "Yoo, ndava gutembera hirya no hino n'ahandi hose kw'isi."

94 Imana yaravuze iti: "Witegereje umugaragu Wanjye Yobu? Nta muntu uhwanye nawe kw'isi. Ni umuntu w'umunyakuri."

95 "Yoo," ivuga ityo, "ni byo koko, Umuha byose, Umukorera byose. Nta gushidikanya ni umuntu ukomeye. Ariko reka

mugerageze inshuro imwe, nzamuteza guhindura imvugo. Nzamuteza kugucira mu maso."

96 Imana Yaravuze iti: "Ibyo ntuzabigeraho." Cyari ikizera Cyayo mu Umwizera. Kubera iki? Ntigira iherezo. Ni Uwiteka. Izi itangiriro n'iherezo. Yari izi ko Satani itazabigeraho. Mu by'ukuri, ni Ijambo, Yari izi icyo Yobu azakora.

97 Noneho, mwibuke, Yobu, dayimoni yamuteje igisebe cy'umufunzo, yishe abana be, yamwambuye ibyo yari atunze byose. Yobu yababajwe n'umubiri we. Ndetse n'abazaga kumwihanganisha ntacyo bashoboraga kumumarira, uretse kumuhamya ibyaha mw'ibanga. Umusaza Yobu yari ariho mu bihe bimeze gutyo ku buryo mu by'ukuri yari ariho mu kwiheba.

98 Mbere na mbere mugomba kwibona mu bwihebe. Mugomba kugera ahantu mwibona ku iherezo ry'inzira.

99 Yobu yari ageze ku ndunduro y'umuzingo, igihe yavugaga ati: "Havumwe umunsi navutseho. Ku manywa izuba ntirizake, nijoro ukwezi ntikuzacane, uwo munsi ntuzigere uhabwa izina." Hanyuma muri ubwo bwihebe ni bwo Yesu yaje. Yitegereza ibya hano kw'isi, maze aravuga ati: "Ndabona, nk'umuntu, ururabo rurapfa, rukongera rukeguka ku muhindo. Iyo umuyaga ugushije igiti, iyo kinyoye amazi kirongera kikamera." Yabonye ubuzima bwibimera byose byongera kubaho, ariko ati: "Umugabo araryama, areka umuzimu, arihe?" Murabizi, yari umugabo ushaje. Aravuga ati: "Abahungu be baza kumuririra, ariko nta n'ubwo aba abizi. Yoo, Niba byashobokaga ngo Umpishe mu buruhukiro bw'abapfuye ukangumisha ahantu mw'ibanga kugeza igihe Ushiriye umujinya. Nteganyiriza igihe, mpa igihe. Twarigendeye. . ." Nuko akomeza avuga atyo. Yari ageze ku musozo, wo kwiheba kwe, "Bigenda bite? Ibibabi bibaho, bigasubira mu giti, indabo zikaza, n'ibindi byose bikavuka, ariko umuntu arapfa bikarangira!" Yari ari mu mibabaro. Ntiyibwiraga ibishobora kumubaho, we wari ugejeje kuri iyo myaka.

100 Amaze kubikora, Yesu araza. Imana ihindukiza umutwe we areba hejuru, maze abona Yesu aza mu minsi ya nyuma.

101 Yari isaha y'imibabaro igihe umugore we yavugaga ati: "Tuka Imana nurangiza wipfire," nuko aramusubiza ati: "Mugore, uravuga nk'umugore w'umupfapfa. Uwiteka aratanga, kandi Uwiteka akisubiza, Izina ry'Uwiteka Rihimbazwe." N'umugore we yari yaramutaye. Itorero rye ryari ryaramuretse. Abantu bose bari baramuvuyeho.

102 Muri icyo gihe cy'umubabaro, mu gihe atari azi aho ibyo bizarangirira, Yesu araza. Nuko Yobu arangurura ijwi ati: "Nzi ko Umucunguzi wanjye ari muzima, kandi ko mu minsi y'imperuka Azahagarara hano kw'isi. N'ubwo nyuma inyo zizaba zarashwanyaguje uyu mubiri, mu mubiri wanjye nzabona

Imana, Yo nzayibonera njyewe ubwanjye." Nuko muri icyo gihe cyo kwiheba, Yesu araza. Yego, mugenzi.

103 Mose, ku bwa Mose, yahuye n'igihe cye cy'umubabaro muri Isirayeli. Yari aruhijwe n'inshingano; yahuriye n'Imana hariya mu gihuru, maze Imana iramubwira iti: "NDI NDIHO." Yagiye hariya maze arwanya cyane ibyitwa kwigana byose bya Yani na Yamburesi, bageragezaga kwigana ibyo yakoraga. Ku bw'ibyo, yakomeje kuba umwizerwa w'Imana. Amaherezo yatumye Isirayeri yizera. Nguwo asohoka muri Egiputa, agenda agana mu—agana mu gihugu cy'isezerano, aho Imana yari yaravuze iti: "Muzandamiriza kuri uriya musozi." Ryari Ijambo ry'Imana. Mose yari azi ko azajya kuri uwo musozi. Amina. Imana yari yarabivuze! Nta Pharaon wari kumwica. Nta dayimoni yari kumwica. Nta kindi kintu cyashoboraga kumwica. Yajyaga kuri uwo musozi. Amina! Aleluya! Ndumva ndi umuyobokamana. Yerekeje kuri uwo musozi.

104 Natwe, turi mu rugendo tugana mu Bwiza! Nta kintu na kimwe cyadutangira. Oya, mugenzi. Imana izahamiriza Ijambo Ryayo. Sintinya ibyatubaho ibyo ari byo byose, Izabikora, mu buryo ubwo ari bwo bwose. Yego.

105 Mose ari mu nzira, agiye kurangiza inshingano. Nguwo, atangiriwe n'imisozi miremire. Abangura amatwi, yumva ibintu bisakuza inyuma ye. Ibyo ni ibiki? Ni amagare ya Pharaon atagira ingano amukurikiye; bari bafite intwaro, amacumu n'izindi kugirango babice babaribate. Ngiyo Inyanja Itukura, imubereye inzitizi mu kwambuka. Yakoze iki? Yari ari mu bwi-. . . Yari ari mu bwihebe. Abaturage bose barasakuzaga bati: "Ayiwee, noneho akacu karashobotse. Pharaon agiye kutwica, agiye kutumarisha inkota. Abana bacu bagiye gupfira hano mu butayu."

Mose arataka cyane ati: "Yoo Mana!"

106 Nuko Yesu arahagoboka. Yaje mu Nkingi y'Umuriro. Ni ukuri. Aramanuka ahagarara hagati ya Mose n'ingabo za Pharaon. Amina. Ni Umuhuza wacu. Ni We uhagarara hagati, Amina, Umuhuza. Nguwo aho Ahagaze, ahagaze hariya; habayeho icuraburindi ku ruhande rw'Abanyegiputa, abazaga ngo bagire icyo babikoraho. yababeraga urumuri, kugirango babashe kugenda. Hanyuma, mu gitondo, mu gihe umuyaga wahuhaga cyane, muri iryo joro, ubwo Yakoze iki? Yamanutse mu Nkingi y'Umuriro.

107 Ni mwibuke, Aracyari ya Nkingi y'Umuriro. Yego, mugenzi. Igihe Yari akiri kw'isi, Yaravuze ati: "Nturuka ku Mana kandi nsubiye ku Mana."

108 Nyuma y'urupfu Rwe, uguhambwa, ukuzuka n'ugusubira mw'ijuru; Mutagatifu Pawulo, yerekeza i Damasiko, Yatuwe hasi n'iyo Nkingi y'Umuriro. Mwibuke, yari Umuheburayo. Ntiyari akwiye kuvuga ko iyo. . . Yaravuze ati: "Uri inde Mwami?"

mu nyuguti nkuru M-w-a-m-i, Elohimu. “Uri inde ndimo kurenganya?”

Yaravuze ati: “Ndi Yesu.”

109 Amina! Aleluya! Ni Uwambere akaba n’Uwanyuma. Ni byose. “Igihe kirageze, aho abisi batazambona, ariko mwebweho, muzambona. Kuko nzaba hagati yanyu, ndetse nkaba no muri mwe.” Inkingi y’Umuriro imwe, Imana imwe, ikora imirimo imwe, muri iryo sezerano rimwe, amina, Igaragaza Ijambo ryayo. “Ndi Ubuzima nkaba n’Umuzuko. Ndi Uwahozeho, Uriho kandi Uje.” Yego, mugenzi. Yego.

“Ba sogokuruza bariye manu mu butayu.”

110 Yaravuze ati: “Bose barapfuye. Ariko Njyewe ho, Njyewe, NDI NDIHO.” Mose. . . Mu gihuru cyaka umuriro, yari NDIHO. Ahora ari NDIHO, atari NARIHO; NDIHO, mu gihe cya nonaha, buri igihe.

111 Hano turabona ko Mose yari azitiwe, maze Kristo aramanuka. Ibyo Bibiliya irabivuga, ko “Mose yabonye i—igisuzuguriro cya Kristo nk’ubukire buruta kure ubutunzi bwo muri Egiputa.” Igisuzuguriro cya Kristo! Kristo yari Ugusigwa, Logosi yari yaravuye mu Mana. Malayika, umusomyi wese wa Bibiliya azi ko uwo Malayika yari Kristo. Kandi Yari ahagaze aho mu butayu, hanyuma Aza kuhagoboka, Yagombaga kuzamo kugirango Yigaragaze. Icyubahiro kibe icy’Imana!

112 Uyu munsi aje mw’ishusho, wa wundi Kristo Wigaragaje.

113 Yari yarababwiye ko azabasohora. Ni byo yakoraga. Nguwo Aje kugaragaza Ijambo rye, Aje kurihamiriza. Noneho, nyuma yo kuza, nk’uko Yabigenje na Marita, ubwo yahamagaye. Yaravuze ati: “Mose, kuki untakira? bwira ubu bwoko uti mukomeze imbere.” Iyo saha yijimye, Inyanja Itukura irakinguka barambuka, murugendo rwabo rwo gusohoza Ijambo ry’Imana. Yego, igihe Mose yari ageze mu bihe bigoye cyane, Yesu yahise aza. Dufite igihe gihagije noneho. . . Nuko Imana ihamagara Mose.

114 Nifuzaga ko mwakwita ku wundi mugabo muto. Izina rye ni Yayiru. Hariho benshi cyane muri iyi si ya none. Yarizeraga ariko mw’ibanga. Yakundaga Yesu. Yari yarumvise bamuvugaho. Yaramwizeraga. Ariko, murabona, yari yarinjiye mw’idini. Yego. Ya—ya—ya. . . Ntiyashoboraga kwigaragaza ngo abyature. Yarabyizeraga, ariko ntiyashoboraga kubyatura, yari yaranivanze n’abatizera na gato. Ariko mu by’ukuri ibyo yarabyizeraga.

115 Murabizi, iyo umuntu abayeho muri ubwo buryo, rimwe na rimwe Imana imuhatira kwinjira mu kigeragezo. Mu by’ukuri, mu bwihebe ni ho tugaragaza amabara yacu, ibyo turi byo mu by’ukuri.

116 Nguwo, yamaze kwihuza n'abatizera, Yari yaramaze kwiyandikisha mu gitabo cy'urutonde rw'abayoboke, n'ibindi. Kandi yari umutambyi, ndetse ntiya—ntiyanashoboraga kwicuza, kuko ni ho yakuraga umugati. Ariko, yari akizera Yesu Kristo.

117 Umunsi umwe, umukobwa we muto afatwa n'uburwayi. Yoo, icyubahiro kibe icy'Imana. Nta gushidikanya ko Yo, umuntu aramutse...nka gutya, bishoboka kuba yari guhamagara umuganga. Umuganga yaraje, avura uwo mwana. Ariko umuriro ukarushaho kuzamuka. Mu kanya gato, ubushyuhe bw'umubiri buramurenga, bityo bityo, bigeza ubwo agera ku gipimo cyo gupfa. Umugabo yari yihebye. Yaragerageje. Nuko we—we atari azi icyo agomba gukora. Maze aribwira ati: "Iyo nibuze mbasha kumubona, aho yaba Ari hose." Rero ntago yigeze ategereza ko igicuku kiniha, nk'uko Nikodemu yabigenje, kugirango baganire mu mwiherero. Cyari igihe cyo kugira icyo akora, igihe cyari kigeze kugirango agire icyo akora kandi yagombaga gukora.

118 Kandi ndatekereza, bene Data bashiki banjye, n'ubu ni ko bimeze. Igihe kirageze cyo kugira icyo dukora. Igihe kirageze aho tugomba kwizera cyangwa se kutizera. Uwo murongo utandukanya uza kuri buri mugabo numugore. Uza kuri buri mwana. Akenshi iyo mugeze kuri uwo murongo, hari ikintu kimwe gusa kiba gisigaye, ni urubanza, iyo murenze uwo murongo utandukanya imbabazi n'urubanza, iyo ugeze kuri uwo murongo.

119 Mwibuke, yari yihebye. Ntiyari azi icyo yakora. Abatambyi be bari bahagaze aho, abantu bubashywe bari bamukikije. Abayoboke bose bari bari kumwe nawe, bose bari bahari, barebera uwo mwana w'umukobwa arimo gupfa. Abaganga bari bahagaze hanze, bifashe mu maboko, banyeganyeza ibiganza bye bavuga bati: "Namuhaye imiti ishoboka yose nzi, ariko . . . "

120 Murabona, yari Yesu wari ku murimo ubudahwema. Yesu yarangizaga ibi ku bw'impamvu, kugirango agaragaze ibara ry'uyu mugabo muto. Mu kanya gato, nshobora kumubona agiye gushaka akagofero ke k'umukara akakambara, akambara n'agakote ke k'abatambyi.

"Urajya he?"

121 "Njye...numvise ko Ari hariya ku mugezi. Ngiye Ndamukurikira!" Yoo, icyubahiro kibe icy'Imana! Yagiye yo!

122 Muri icyo gihe cy'ubwihebe, yagombaga gufata icyemezo: kureka umwana we agapfa, cyangwa yari azi ko kwari ukugaragara kw'Ijambo. Yari umutambyi, yari yarasomye Ijambo, kandi yari azi ko ibyo byari ukugaragara kw'Imana. Imana yari muri Kristo, Ahuza isi na We ubwe. Yari abizi, maze ahatirwa gukora amahitamo. Yashoboraga gukora ikosa akareka umwana we agapfa, cyangwa se akihana. Igihe yageraga mu bwihebe, icyo gihe ni bwo Yesu yaje. Yagiye kumureba. Yaravuze,

yaravuze ati: "Ibyo wavuga byose, nzajyana na We." Kandi hanze mu muhanda, hano haza kwiruka, ikintu cyijimye hariya. Yari yemeye kwatura, ko Amwizeye. We ubwe yari yariyirukanye rero, yarishyize ku karubanda, ko yari umwizera wa Yesu.

123 Ngiyo intumwa iraje, iravuga iti: "ntugire uwo utesha umwanya, kuko umukobwa wawe yamaze gupfa. Yapfuye ejo. Yamaze gupfa. Ntukomeze kubitaho igihe cyawe."

124 Nuko, oh, umutima we wari ugiye guhagarara. Yararebye maze ahuza amaso na Yesu wamubwiye ati: "Sinakubwiye? Ntutinye, niba ushaka kubona ubwiza bw'Imana. None uratinya iki? Nakubwiye ko ndibugeyo."

125 Yari yaramaze kuvuga azaza. Yari Yavuze ko azakora ibi, none nguwo Arimo kubikora. Amina. Yavuze ko Azinjira ku rubuga mu minsi ya nyuma maze Akarangiza ibintu yari Yararangije mbere, nkuko twabisomye mwijoro ryakeye tuganira. Hano arabikora. Ufite ubwoba iki?

126 Mwibuke, igihe Yazaga, Yahamagaye wa mwana w'umukobwa amusohora mu bapfu. Yarahagobotse hanyuma amukura mu bapfuye.

Igihe kimwe, impumyi Baritoromayo yari yageze mu bihe biruhije.

127 Yesu yari aho, Yari yateguye gusangira ifunguro rya mu gitondo n'Abacuruzi bo mw'Ivanjili Yuzuye hariya i—i Yerico, Na Zakayo yari ahari. Yamusanze mu giti, ku muhanda. Noneho igihe Yari . . . Ni ibyo, ndemeza ko nta kindi Yari yateguye. Murabona? Nuko rero igihe Yajyagayo, yari—yari asanzwe ari kumwe na We, Zakayo yari yajyanye na We.

128 Umusaza w'impumyi Barutoromayo yari yarahumye kuva akiri umwana muto. Yatekerezaga ko Yesu ashobora kuzasohokera muri ariya marembo, nuko arategereza. Mu kanya gato, yumvise urusaku, igihiriri cy'abantu cyaratambutse.

129 Nuko yumva umutambyi avuga ati: "Yewe! Yewe, Wowe, Wowe uzamuka uwo musozi! Twa—twa—twa . . . Twategereje ko uzura abapfuye. Turabafite buzuye hano mw'irimbi. Niba koko uri Mesiya, niba uri Mesiya, ngwino hano uzure abo bapfuye."

130 Murabizi, iyo dayimoni imwe iracyariho, murabona, irakora mu buryo bumwe mw'ishusho y'idini. Murabona?

131 "Niba uri Mesiya, Tu . . . Uzura n'abapfuye; turabafite buzuye hano mw'irimbi. Ngwino tukwereke." Kandi, oh, Abantu bose baraborogaga. Abandi barasakuzaga bavuga bati: "Hozana ku bw'Umuhanuzi!" Abandi barasakuzaga bavuga *ibi na biriya,* cyangwa *ibindi.* Mbega uruvangavange!

132 Uwo musaza w'impumyi yaribwiye ati: "Oh, Arancitse. Yinyuriye hariya kandi natekerezaga ko ari bunyure hano. Nahagaze ahantu habi." Maze atangira gutaka. Yaribwiye ati: "Niba koko Ari Ijambo, ni Imana; Agomba kuba ari Yo."

Nuko arataka cyane ati: “O Yesu, Mwana wa Dawidi, ngirira impuhwe!” Muri icyo gihe cyo kwiheba, yaratabaje.

133 Noneho Yesu, nimushaka mubyandike, Yari ari i Yeriko. Dukurikije ibivugwa, Barutoromayo yari ari ku mayadi ijana na mirongo itanu y’aho Yesu yari ari. Yari ari kumwe n’abantu ibihumbi n’ibihumbi babyiganiraga impande ze, urusaku rw’uwo mugabo ashobora kuba Atari yarwumvise. Oya. Ariko yarwiyumvisemo. Arahagarara.

134 Umugoroba umwe nifuzaga kubwiriza kuri: “Nuko Yesu arahagarara.” Oh! “Nuko Yesu arahagarara.” Oh!

135 Ni uko Yesu arahagarara, ibyo byari ibiki? Yaramuhamagaye. “Umwigisha yaje. Wigira impungenge,” ni ko intumwa zamubwiye, “Araguhamagara. Araguhamagara.” Aramuhamagara muri icyo kivunge cy’abantu.

Ni uyu munsi ni ko Abikora. Ibyo byinjiye neza? Murabona?

136 “Umwigisha yaje kandi yaguhamagaye.” Kandi ubu arimo guhamagarira kuva mu buhumyi ujya mu mucyo. Nuko Aramuhamagara, yavuye mu rupfu ajya mu buzima. “Umwigisha yaje araguhamagara.” Amaze kumuhamagara, amusubiza amaso ye.

137 Umugore muto ufite ikibazo cyamaraso, igihe kimwe, hejuru k’umusozi, yakoresheje amafaranga ye yose, yarayamariye mu baganga. Nta gushidikanya bari baragurishije i—imirima. bari baragurishije u—urwuri, yari yarabitanzeho ingwate. Ibyo batunze byose bari barabimariye abaganga, ariko nta muganga n’umwe wari warabashije kumworohereza. Ubuzima bwe bwagendaga burushaho kumera nabi. Amaraso ntiyigeraga akama. Ahubwo, yarushagaho kwiyongera, ubuzima bwe bwamererwaga nabi kurushaho.

138 Nuko umunsi umwe yiyicariye arimo gukora umutsima, aho yiberaga ku musozi, areba hasi mu kibaya, abona ubwato buraje. Abantu bose bariruka basakuza bati: “Hoziyana ku bw’Umuhanuzi!”

139 Uwo mugore yari yarumvise bavuga ibya Yesu. Ukwizera guturuka ku ukumva. Nuko aravuga ati: “Ngiye kumanuka njye kumureba.”

140 Nuko igihe yamanukaga akajyayo, yabanje kubona Ijambo ry’Imana ryigaragaje mu mubiri, Mu kugaragara no mu buryo Uwo Mugabo yavugaga uwo mugore yabonyemo ikintu kimubwira ko yari We. Yego, mugenzi. “Oh, niba byibuze nabonaga uburyo yambona, niba byibuze nari mbonye uburyo namukoraho!” Agenda acengera muri icyo kivunge cy’abantu hanyuma akora ku gishura Cye.

141 Noneho, mwibuke, ntabwo ari urutoki rw’uwo mugore Yumvise rumukoraho. Oya, mugabo, kubera ko umwambaro w’Abapalesitina wabagaga ukomeye. Na We. . .s-. . .

Nuko Petero aravuga ati: “Ni abantu bose bagukozeho.”

142 Yaravuze ati: “Uku ko ni ukunkoraho kudasanzwe. Numvise ncitse intege.”

143 Yesu yari yaje. Yari yaratakaje amafaranga ye yose, yari yaratakaje byose; ariko muri ibyo bihe by’ubwihebe, ubwo amaraso yakomezaga kuva ntihagire umuganga ubasha kuyahagarika, Yesu yaraje. Ese yakoze iki? Yaramuhamagaye. Yararanganyije amaso hose kugeza igihe abashije kumumenya, maze aravuga ati: “wari ufite ikibazo cyo kuva amaraso ariko arahagaze.”

144 “Uko yari ejo ni ko Ari uyu munsi ni ko ari kandi ni ko azahora n’iteka ryose.” “Umwigisha araje kandi araguhamagara. Yaraje maze Arahamagara.” Yaramuhamagaye maze amugarurira ubuzima bwiza.

145 Wa mugore ukiri muto wo kw’iriba, uwo twavuzeho ejo nimugoroba, yari yatakaje ibyiringiro byose. Bishoboka ko, umugabo we wa gatanu nawe yari yaramutaye, nuko muri iryo joro yifatira uwagatandatu, kandi yari—yari amufiteho ugushidikanya. Yari yabuze umunezero muri we. Yifuzaga kuba umugore nyawe; we, nta gushidikanya, yari yarasomye Bibiliya.

146 Kandi mu ma saa tanu yarimo azamuka ajyayo. Ntiyashoboraga kugenda mu gitondo kare igihe abadamu biyubashye bagenderaga. yategerezaga ko aba bikorera amazi yabo, ibibindi, bagasubirayo. ityo ntiyashoboraga kwivanga nabo. muri icyo gihe hariho ivangura ryo muri ubwo buryo, icy’ukuri n’icy’ikinyoma ntibyashoboraga kwivanga. Abagore batiyubashye bagumaga mu mwanya wabo, ubwo ntiyashoboraga kujyana n’abandi. Ntibamukundiraga kujyana nabo. Nuko mu gihe babaga bamaze kuvoma amazi yabo bagataha . . . Aza kuvoma amazi meza kurusha ayandi.

147 Maze agenda agana kw’iriba n’ikibindi cye ku mutwe, nta gushidikanya ko mu nzira yarimo yibwira ati: “Rero, uyu mugabo nashatse kuva ejo simwizeye. Ni umugabo witwara mu buryo budasobanutse. Nta—nta kintu na gito muziho. Nta mahirwe mfite. Nanzwe n’imiryango. nta rusengero na rumwe nshobora kujyamo, ntiba . . . Mubarebe gusa! Sinzi icyo nakora. Ndi mu bwihebe. Kandi mu by’ukuri, umunsi umwe nasomye Bibiliya; wa Muhanuzi agomba kuhagoboka. Kandi nzi ko yavuze ko nta kindi cyiza cyabaho nk’icyo, ko ibi, ‘bishobora kubaho no mu myaka ijana, cyangwa imyaka igihumbi. Ibyo tubitegereje imyaka ibihumbi n’ibihumbi ariko ntibirasohora, none twarekeye aho gutegereza. Ibintu byose biri uko biri, ‘Oh, Oya, Dufite insengero n’ibindi. Ibintu nk’ibyo ntibikenewe ubu.’” Uko ni ko yagendaga yibwira mu nzira.

148 Murabizi, iyo umutekereje, icyo gihe ni bwo Akubonekera. ni nk’uko twabibonye ejo nimugoroba, igihe bari mu nzira bagana Emawusi.

149 Nk'uko uwo mugore yagendaga atekereza kuri ibyo bintu, yumvise Umuntu amubwira ati: "Nzanira amazi."

150 Ibyo byasobanuraga iki? Yari mu bihe bye byo kwiheba gukabije, mu gihe yari yatakaje umunezero. Ashobora kuba yari akiri agakobwa keza kakiri gatoya, kajugunywe aho mu muhanda ngo kabeho muri ubwo buryo. Rimwe na rimwe si ikosa ry'abakobwa bato, hari igihe aba ari ikosa ry'ababyeyi, bamureka agasohoka gutyo. Yari aho, imisatsi ye ishobora kuba yari isambaguritse; nta ntege yari agifite, agendagenda aho hose, arushye, kandi nta muntu n'umwe wari umwitayeho, uwo mwana, kandi ashobora kuba yari afite amateka maremare inyuma y'ibyo.

151 Ibyo ari byo byose hari ikintu nzi, yari yarasomye Bibiliya, kandi yemeraga Bibiliya. Kandi mu ndiba y'umutima we harimo akabuto gatoya kamubwiraga kati: "Ibyo biramutse bibaye, nabimenya." Yari yaratoranyirijwe ibyo.

152 Mwitegereze umusaza Yuda wari uhagaze aho kandi witwaraga nk'uko yabigenzaga. Mu ndiba y'umutima we hari hijimye. Umucyo Wamurikiraga mu bikorwa bye, ariko mu ndiba y'umutima we ntiyawizeraga. Nguwo wa mugore yari . . . Murabona, Umucyo ntiwashoboraga kugera ku mutima we. Ariko nguyu, yarizeraga, yizeraga Umucyo, ariko ubuzima bwe bwari bwijimye; Igihe Umucyo warasaga, Wirukanye umwijima. Ariko igihe Umucyo warasiraga uriya wundi, Warushijeho kumwinjiza mu mwijima. Aho ni ho bitandukaniye.

153 Murabona, yari yaravutse ku bw'iyo mpamvu. Ya—yaravuze, igihe Yamubwiraga umubare w'abagabo yari afite, ya . . . byagenze bite? Muri ako kanya, yabaye nk'aho bimushagurukije. Mbere yari mu bwihebe. Yaravuze ati: "Mugabo, ndabona uri Umuhanuzi. Nzi ko Mesiya naza, azakora ibintu nk'ibyo."

154 Hanyuma Aramuhamagara. Hanyuma, Aramuhamagara. "Njyewe Ukuvugisha, Ndi We." Yahise abimenya abigaruye kw'Ijambo ry'Imana. Yamuhamagariye kuva mu byaha akajya mu bugingo. Kandi izina rye riba muri Bibiliya, uyu munsi afite Ubuzima budapfa.

155 Ashobora kuguhamagara nawe nk'uko yahamagaye uriya mugore, kubera ko uko Yari ari ejo, ni ko ari uyu munsi, kandi ni ko azahora n'iteka ryose. U . . .

156 Yego, yari yaratakaje umunezero we, ariko yari azi ko afite ugutandukanya imyuka. Yari azi ko uwo yagombaga kuba ari Mesiya. Maze igihe Yesu yavugaga ati: "Ndi We, Ndi We," yahise amenya ko ari We.

157 Igihe kimwe intumwa zari ziri mu bwato, zatakaje ibyiringiro. Umuraba, bari bagiye batari kumwe na Yesu, kandi umuraba warahuhaga cyane nk'uko byari bimeze kwa Lazaro. Bari batakaje ibyiringiro. Ubwo bwato buto cyane kandi bushaje bwari bwuzuye amazi. Baratakaga cyane barira,

kandi wenda barasengaga hanyuma bigakomeza bityo, imirabyo nayo yararabyaga, ubwato bwari bwuzuye amazi, inkingi zabwo ziramanuka, hanyuma bakagwirirana hagati yabo, kandi barira.

158 Muri icyo gihe cy'ingorana zikomeye, ni bwo Yesu yaje agendera hejuru y'amazi. Ariko bagize ngo ni umuzimu. Yari ateye ubwoba, Yagaragaraga nk'umwuka, nuko batakishwa n'ubwoba.

159 Icyo ni cyo kibazo duhura nacyo uyu munsi. Yesu aza mu bihe bikomeye ariko akabatera ubwoba. Mukirengagiza Uwo Ari We.

160 Birengagije Uwo Yari We. Baravuze bati: "Yoo, Ni umuzimu!" Baratatse.

161 Nuko arahamagara, Aravuga ati: "Mwitinya, ni Njyewe." Mu bihe bigoye cyane, Yesu yaraje, Umutabazi wabo. Ni ko buri gihe Abigenza, Atabara mu bihe bigoye. Nuko Yesu araza maze arigaragaza, Yaje abasanga.

Petero yaravuze ati: "Niba koko ari Wowe, tegeka nanjye ngende hejuru y'amazi."

Yesu yaravuze ati: "Ngwino."

162 Mwari mubizi, nshuti zanjye? Muri iyi minsi ya nyuma Agiye kuza ku bamutegereje. None se, murumva atari ibintu bidasanzwe kuba itorero rikiri mu bihe by'umwijima?

163 Hari icyo ngirango mvuge kuri ibi. Ntabwo ari inyigisho. Ndahanura gusa. Muzi ibyabaye? Azaza vuba, mwibuke ibyo njya mbabwira, ko amadini yose azibumbira mu Nama Mpuzamadini. Natajyamo, nta bufasha na bumwe azahabwa n'Inama Mpuzamadini. Ku bw'ibyo, Hazabaho imivurungano, kandi nta muntu uzaba akibasha kujya muri ayo matorero, cyangwa mu yandi ayo ari yo yose; cyeretse mufite ikimenyetso cy'itorero ryanyu bwite, ntimuzaba mugishobora kugura no kugurisha. Murabona, ibyabaye, bizongera bibeho, ikimenyetso cy'inyamaswa. Kandi Itorero, abantu b'abanyamwuka bo barabyumva.

164 Namwe bapantekote, ibyo ari byo byose, namwe ibyo murabizi. Mutangiye kubyiyumvamo. Igihe amatorero yanyu, amadini menshi ya gipantekote; kandi si ngombwa ko nyavuga amazina, ariko n'ubu muzi ko a—ko yinjiramo. Yahamije ko yinjiyemo. Ariko igihe mukora ibyo, ni iki mugomba kuzakora? Muzaba mutegetswe kureka inyigisho zanyu z'ivanjili y'umubatizo w'Umwuka Wera. Muzasanga ari ngombwa ko mureka inyigisho za Bibiliya.

165 Kandi abayoboke ntibazabishyigikira. Abakristo nyabo bavutse ubwa kabiri, bagomba kubanza gupfa. Bavukiye mw'Ijambo. Bazi neza ko icyo kintu cyegereje. Yego, mugenzi.

166 Si ibintu bidasanzwe? Kandi muri ibyo bihe bigoranye, ni bwo Yesu yaje maze arabahamagara, aravuga ati: "Mwitinya. Ni Njyewe. Mporana namwe iminsi yose. Ndi hano ngo mpamirize

Ijambo ryanjye." Icyo Yari Cyo icyo gihe, rero ni Cyo Ari Cyo n'uyu munsi. Yavuze ko azabikora. Yoo! Umwigisha yaraje maze Araduhamagara.

167 Hano haba hari abarwayi benshi, Nta gushidikanya, ko baba bicayemo hano, kandi abaganga bababwiye ko nta—nta byiringiro bakibafiteho. Mushobora kuba mwari mugeze mu bihe biruhije cyane, ariko, mwibuke neza, Umwigisha yaraje, maze arabahamagara.

168 Nuko umunsi umwe, umunsi umwe, Umwigisha azaza ahamagare buri zina ryose ryanditse mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama. Niba iryanyu ritarimo, muryandikishe nonaha, kuko Agiye kuza Agahamagara. Ndetse n'abari mu mva bazumva Ijwi rye maze bongere babe bazima. Umwigisha azaza maze abahamagare. Kandi mu gihe ahamagara n'uyu munsi, mumwitabe kandi mwitegure ku by'uwo munsi, ni yo nama mbagiriye.

169 Isezerano ry'iki gisekuruza, Yasezeranije ko azaba ari hano. Imirimo Azaba yarakoze, Azongera ayikore, kandi uyu munsi na none Umwigisha yaraje, kandi arabahamagara.

170 Twunamishe imitwe yacu. Nsigaranye nk'impapuro esheshatu, ariko si—sinshobora kuzinjiramo aka kanya. Twunamishe imitwe yacu. Niyumvishije ko ngomba kubareka mugasohoka hakiri kare, none twarengejeho iminota cumi n'itanu.

171 Data wo mw'ijuru, O Mwami, twemerere ibyo byongere bibe. Ibyo bintu byose navuze: "Yesu yaraje maze araguhamagara." Mbese iyo Aje akora iki? Arahamagara. Twemerere ibyo byongere bibe Mwami. Reka Umwuka Wera aze mu bantu kuri uyu mugoroba Mwami Yesu mw'ishusho y'U—y'Umwuka. Reka Aze Yihishure kandi Yigaragaze. Nk'uko abo bantu babyizeye, natwe tuzabyizera Mwami. Byashoboka ko hari abantu bari kumwe natwe batigeze babona ayo mahirwe. Turagusabye ngo wongere ubahe amahirwe kuri uyu mugoroba. Kuko tubisabye ku bw'icyubahiro cy'Imana, mw'Izina rya Yesu. Amina.

172 Ni ibyo, mushiki wanjye, bigendemo witonze. Ni byiza. Bijyemo wese. Yoo, Ituze, Buri wese natuze.

173 Mwizera ko Yaje? Yaraje. Mbese buri gihe uko Aje arahamagara? Noneho, niba mwizera gusa. Niba mwizera gusa Ijambo ry'Imana, Imana izabibaha.

174 Noneho mukurikire, nta mwanya mfite wo guhamagaza umurongo w'abasengerwa hano. Niba Umwami abishaka ndibuhamagare abantu hariya kuri uyu mugoroba. Umwigisha yaraje. Yaje gusohoza Ijambo Rye muri iyi minsi ya nyuma. Kandi uwo Yari We icyo gihe, ni We ari We uyu munsi. Icyo ukwigaragaza Kwe cyangwa ikimuranga Cye cyari icyo gihe, ni ko kiri n'uyu munsi, kuko buri gihe ari Ijambo ry'Imana. Ibyo murabyizera? Kandi Ijambo ry'Imana rihishura ibitekerezo

n'ibyo umutima ugambiriye. Kandi uburyo Yabikoragamo icyo gihe, ni nabwo buryo ibikoramo uyu munsi. Buri gihe ni ko Ari. Mbese abikoze ubu nonaha, mwamwizera? Ibyo byatuma mumwizera?

175 Mwebwe muri hariya nonaha, mundeke mbanze ndebe niba hari umuntu wicayemo aho ari ho hose hano naba nzi, umuntu nzi.

176 Abari hano mwese, *hano* batanzi, muzamure ibiganza byanyu; mwebwe muzi neza ko ntacyo nzi kuri mwe, kandi mukaba murwaye, muzamure ikiganza. Natekereza ko ari mwese. Ni byiza, noneho, nimwizere. Mwizere gusa n'umutima wanyu wose. Mwishidikanya. Mugire ukwizera. Mwizere Imana.

177 Ndabasabye ngo mutuze, mukomeze mwicare. Ntimwongere kugendagenda, ndabasabye. Murareba? murareba? Muri ro—roho, umubiri n'umwuka. Kandi umwuka wanyu. . . Kandi Umwuka Wera uraceceka cyane.

178 Hashize imyaka myinshi, ni bangahe bibuka, ko Umwuka Wera, ubwo mperuka hano, narababwiye? Igihe nafataga ikiganza cy'abantu, Yambwiye ko uko gutandukanya imyuka kwari kuzaza, hanyuma gukomeza? Murabyibuka, mwaba mubyibika? Ariko Yaravuze ati: "Nubasha kwigarurira abantu bakakwizera." Mwibuke neza icyo gihe, hashize imyaka myinshi? Mugomba kwizera.

179 Hari umugabo nabonye, ndatekereza ko yari ari hano mu materaniro y'ubushize, yari yicaye hariya. Maze Umwuka Wera. . . Naramwitegerezaga mu gihe nambwirizaga. Yari afite ubumuga. Yagenderaga ku mbago. Hanyuma mu gihe nahamagariraga abantu kuza ku gicaniro, Satani yasanze uwo mugabo, imutwikiriza igihu cy'umukara. Ibyo nabibonesheje amaso yanjye. Yarahagurutse, arisohokera. Yagumanye ubwo bumuga, murabona. Kandi rero, Uko ni ko yashoboraga gukirira aho, iyo byonyine—byonyine. . . Murabona? Ariko, gusa ntabwo nzi impamvu. Ndakeka gusa ko yaba yarumviye umwanzi. Ariko niba mwashoboraga guhagarara hariya mukareba ibyo bihu, mukareba ibyo bintu mu yindi shusho, uburyo byigaragaza, mukanitegereza icyo bikora. Murabona, ibyo ni byo biba . . .

180 Sinshobora gukiza. Niba umuntu akubwiye ko ashobora kugukiza, aba ari mu makosa. Wamaze gukira. Ariko bisaba ko umenya ko Yesu Kristo ahari. Iyo Marita aza kumenya ko iyo aza kongera kumubona, yari kugera ku cyifuzo cye, kubera ko Yari Ijambo rigaragajwe, mbese ntitwashobora kwizera gutyo kuri uyu mugoroba, Kubyizera? Ni byo koko, twakagombye kubikora. Yaraje. Yaraje, Yaje mw'ishusho y'Umwuka Wera. Ni ko Ari. Noneho mwebwe nimusenge gusa.

181 Murabona, hano, iyo nza kugira umuntu uhagaze hano, hano neza iruhande rwanjye, neza—neza arimo gusenga; Murabona, abantu benshi basenga, ni ko bimeze hose mu cyumba. Mugomba

kwibyitegereza gusa. Ntimushobora kuvuga muti: "Mwene Data Branhamu, vuga . . ." Oya, mugenzi. Sina—sinabasha kubikora, ibyo ni nko kundotorera inzozi. Murabona? Mushobora kurota inzozi. Imana ishobora kuguha inzozi zivuga ku byanjye, ibyo murabyizera, ariko ibyo ntimwabyikoresha ku bwanyu. Ntimwashobora kuvuga muti: "Mwene Data Branham, nonaha ngiye kurota inzozi zikwerekeyeho." Oya, ibyo ntimwabasha kubikora. Nanjye sinabasha kubona iyerekwa ku bwanjye. Umuntu utuma urota inzozi, ni nawe ugomba kubikora. Ni byo kimwe n'iyerekwa.

182 Ndabona umugabo wicaye neza hano inyuma kuri uru ruhande, arwaye indwara y'ububabare bufata mu ngingo. Niba ashaka kubyizera n'umutima we wose, Imana izamukiza iyo ndwara. Mugabo, urizera ko Izabikora? Wowe wicaye hariya, umunyamegizike wicaye inyuma kuri uru ruhande, uribubyizere? Ni byiza, mugenzi.

183 Uwo mugore wicaye iruhande rwawe, nawe arwaye indwara yo kubabara mu ngingo. Mubyeyi, wizera ko Imana izagukiza? (Ko *ibi* bizanye nyiramubande? Mfite impungenge ko abantu batari bubyumve.) Murizera? Ni byiza.

184 Bimeze bite iby'uwo mugore wundi ukiri muto w'Umunyamegizikekazi wicaye iruhande rwe? Arwaye indwara y'igifu. Mubyeyi, wizeye ko Imana izagukiza igifu?

185 Yabihawe. Iyo mbonye uriya Mucyo umanuka, ibyo bisobanuye ko biba byabaye. Yego. Ni byo. Byamukozeho. Byari biri hariya bizunguruka hirya no hino . . . [Umwanya uriho ubusa kuri kaseti—Ubwanditsi.] . . . ubigenza utyo. Murabona? Igihe Ashobora kubona ukwizera! Murareba, "Ntiyashoboraga gukora ibitangaza byinshi kubera ukutizera kwabo."

186 Hano neza ndahabona umugore wicaye urimo gusenga. Afite ubwoba. Afite impamvu yo kugira ubwoba. Afite kanseri yamurenze. Sinkuzi, ariko Imana irakuzi. Wizeye ko Imana ishobora kumbwira iby'iyo kanseri cyangwa ikindi kintu? Ndeba. Hari abantu benshi hariya barimo gusenga, murareba, ni yo mpamvu mbivuze. Muturebe. Noneho, yego, ntago uri uw'inaha, nturi uwo muri uyu mujyi. Uvuye ahantu hitwa i Porterville, muri Kaliforuniya. Ni byo. Wezeye ko Imana ishobora kumbwira uwo uri we? Arakuzi. Witwa Madamu. Wintham. Ni byo. Noneho wizere, kanseri irakuvamo. "Niba ubasha kwizera." Icyo ni cyo cyonyine Imana igusaba gukora. "Niba ubashije kwizera."

187 Ntubyizera n'umutima wawe wose? Hari umuntu *hano* muri uru ruhande, ntushobora kubyizera? Umwigisha Yaraje maze araguhamaga. Arimo kuguhamagarira kuva mu rupfu ujya mu buzima, kuva mu ndwara ujya mu buzima buzira umuze.

188 Ndabona umugabo wicaye hano inyuma, yunamishije umutwe, arimo gusenga. Mu by'ukuri ntabwo ari we urimo

kwisengera, hari undi arimo gusengera. Ni umu—umukobwa. Ni umukobwa we. Urizeye, mugabo? Ufite ikibazo ku maguru. Ufite ikibazo mu mavi. Ni byo. Ntibikiri ngombwa kurira, ni We uhagaze aho iruhande rwawe. Umukobwa wawe ari mu bitaro, si ko bimeze? Arwaye igituntu. Urizeye. Urizeye? Umwigisha Yaraje, Aramuhamagara. Ugiye kwizera, nka se umubyara? Uzizera? We Abasha kumugenderera kuri uyu mugoroba, ndetse nawe. Reka ibyo birangire.

189 Ndabona umwana w'umuhungu w'umuyumbu ukiri muto. Arwaye indwara y'uruhu ndetse na asima, ni umwana w'umuhungu muto w'umunyamegizike, umuhungu w'umunyamegizike wicaye hariya. Si uwino. Akomoka muri San Jose. Muhungu, urizeye? Ikindi kintu, so muri kumwe hano. Ni umukozi w'Imana. Ni byo. Wizeye ko Yesu ashobora kumbwira izina ryawe? Ibyo byatuma wizera byimazeyo? Izina ryawe ni Rubeni. Noneho izere. Huum. Imana iragukiza.

190 Umwigisha Araje kandi aragutabarije. Oh, wowe munyabyaha, oh, wowe urwaye, ntubona ko Umwigisha yigaragaje mu biremwa-muntu, hagati mu bizera? Yaje guhamagara abana Be bizera ubuzima buzira umuze. Yaje guhamagara abanyabyaha ngo bihane. Wowe waguye, wowe muyoboke w'itorero, Umwigisha Yaraje, kandi araguhamagara.

191 Ibyo murabyizeye? Murabyizeye ku bw'ibyifuzo byanyu muri aka kanya? Niba mwizeye, muzamure ikiganza, muvuge muti: “Ndizeye ku bw'icyifuzo cyanjye.” Noneho muhaguruke mubyakire. Umwigisha Yaraje, kandi araguhamagara. Uwo uri we wese, icyifuzo cyawe icyo ari cyo cyose, Umwigisha Yaraje kandi araguhamagara. Uko Yari ari ejo ni ko Ari uyu munsi kandi ni ko azahora n'iteka ryose.

192 Uwo mugore muto muto yinjiye mu murwa, maze aravuga ati: “Muze murebe Umugabo wambwiye ibitagenda neza iwanjye.” Ntabwo mwinjiye mu murwa. Mwaraje maze murabibona, mwebwe ubwanyu, rero Umwigisha Yaraje, maze arabahamagara.

193 Muzamure ibiganza, mumuramye mugira muti: “Mwami Yesu, ndi umunyabyaha; mbabarira. Nari maze gusubira inyuma mu kwizera; ngarura Mwami. Nkeneye Umwuka Wera; nyuzuza. Ndarwaye; nkiza. Naramugaye; ngorora.” Umwigisha Yaraje, kandi araguhamagara. Noneho muzamure ibiganza maze mumusubize icyubahiro. Amina.

194 (Noneho mudukubitire umurya, “ngiye kumuhimbaza We, ngiye kumuhimbaza We.” Iyo ndirimbo murayizi? *Ngiye kumuhimbaza*. Murayizi, si byo se?)

Murizeye?

> Ngiye kumuhimbaza, ngiye kumuhimbaza,
> Oh, Muhimbaze Umwana w'Intama
>   watambiwe abanyabyaha;

bwoko bwose mumuhereze icyubahiro,
Kuko amaraso Ye yakuyeho ibizinga byose.

195 Muramukunda? Noneho, ntimwanezezwa no kumuririmbira mu gihe Ari hano? Ni Umwuka Urimo agendagenda hano mu cyumba. Azi imitima yanyu, Azi ibyanyu byose. Tumuririmbire n'umutima wacu wose.

Ngiye kumuhimbaza . . .

Muzamure ibiganza mu gihe muyiririmba.

Nda . . .

Noneho mwe mumuhimbaze gusa.

. . . Kumuhimbaza,
Oh, Muhimbaze Umwana w'Intama watambiwe abanyabyaha;
Oh, Bwoko bwose, mumuhereze icyubahiro,
Kubw'amaraso ye yakuyeho ibizinga byose.

196 Oh, Madamu, wowe ugendere mu kagare, aho ri aho niba nibuze wari ubashije kwizera gato.

Nda . . .

Twongere tugerageze irindi rimwe. Hari icyo ndindiriye.

Ngiye kumuhimbaza, ngiye kumuhimbaza,
Oh, Muhimbaze Umwana w'Intama watambiwe abanyabyaha;
Bwoko bwose, mumuhereze icyubahiro,
kuko amaraso ye yakuyeho ibizinga byose.

197 Noneho, mu gihe tukiyiririmba, hindukira, uhereze mugenzi wawe ikiganza, mu gihe turimo kuyiririmba, turirimbe, "Ngiye kumuhimbaza." Twese hamwe, turirimbe noneho.

Ngiye kumuhimbaza, ngiye kumuhimbaza,
Muhimbaze Umwana w'Intama watambiwe abanyabyaha;
Bwoko bwose, mumuhereze icyubahiro,
kubw'amaraso Ye yakuyeho ibizinga byose.

198 Oh, Nshuti yanjye munyabyaha, ushobora gutambuka ukaza hano muri aka kanya? Tambuka maze umuhereze icyubahiro, mwebwe bwoko bwose. Mwebwe mwese mushaka kwemeza ko ari We Mukiza wanyu. Mu Ukugaragara Kwe, mu gihe Abera barimo kumuramya mu Mwuka, ntushobora kuza ugahagarara hano? Vuga uti: "Ngiye gutanga ubuhamya muri uyu mugoroba. Ndamuhereza icyubahiro. Ndashaka kuza. Nta soni Anteye. Ndifuza ko isi yose imenya ko Mwemeye nk'Umucunguzi wanjye, mu gihe Ari hano." Nimuze rero ibyo tubiririmbe.

Ngiye kumuhimbaza . . .

ushobora kuza nawe?

. . . ngiye kumuhimbaza,

> Oh, Muhimbaze Umwana w'Intama watambiwe abanyabyaha;
> Oh, Bwoko bwose, mumuhereze icyubahiro,
> kubw'Amaraso Ye yakuyeho ibizinga byose.

199 Oh, Ni ibyo, Madamu, wowe ngwino gusa. Ni inde wundi ushaka kuza mu Ukugaragara kwa Kristo? Hita uza hano mushiki wanjye, hagarara hano.

200 Muri aka kanya hari undi waba wifuza ko yamubera Umucunguzi, undi bidateye isoni. Yaravuze ati: "Niba mugira isoni zo kumpamya imbere y'abantu, nanjye nzagira isoni zo kubahamya imbere ya Data n'imbere y'abamalayika bera." Niba muri aka kanya nta soni Agutera kandi ukaba wifuza ko Aba Umucunguzi wawe, mu gihe Ari hano! Wamubonye. Biratunganye neza, Jambo ubwe arabigaragaza. Noneho ngwino, mu gihe abera barimo kumuramya. Ntushaka kuza?

201 Imana iguhe umugisha, mugabo. Dore umukecuru urimo kuza hano, ageze mu zabukuru. Ubungubu ntiwaza?

> Ngiye . . .

Muririmbe nonaha.

> . . . ngiye guhimbaza . . .

202 Ni byo, bana bato, mwigire hino. Muhimbaze gusa. Imana ibahe umugisha mubyeyi, ubwo ni bwo buryo mugomba gukoresha kugirango mujyeyo. Imana ibahe umugisha, mwebwe bana bato.

> . . . watambiwe abanyabyahe;
> Mumuhereze icyubahiro mwebwe bwoko bwose,
> Kuko Amaraso Ye yakuyeho ibizinga byose.

203 Mu gihe abakozi b'Imana barimo gusanga abantu, haba hari undi wifuza kuza hano? Mwebwe mwasubiye inyuma, mushobora kuza, mukavuga muti: "ntewe isoni n'ubuzima bwanjye"? Ari hano. Mwizeye ko ndi umukozi w'Imana? Muzamure ikiganza. Kubera iki, Yesu Kristo ari hagati yacu. Mushobora kuza?

> Mumuhereze icyubahiro . . .

Ntimushobora kuza, mukamuhereza icyubahiro?

> . . . bwoko bwe,
> Kuko Amaraso Ye yakuyeho . . .

204 Marita, uraje Cyangwa urakomeza wiyicarire mu nzu hamwe na Mariya? Urisigarira inyuma mw'idini runaka maze uvuge uti: "Oh, itorero ryanjye ntiribyizera muri ubwo buryo," ubwo Kristo yari amaze kugaragazwa? Urasigara wiyicariye ku ruhande maze uvuge utyo, cyangwa urasohokamo? "Byiza, ngiye kubabwira, igihe na . . . " Oya. Uyu munsi, dore igihe kirageze. Urupfu rukuriho nk'uko byagendakeye umukobwa wa Yayiru.

205 Ngwino nonaha! Ngwino nonaha wowe wasubiye inyuma. Ngwino nonaha wowe munyabyaha. Dore igihe kirageze. Umwigisha Yaraje, kandi Araguhamagara. Arimo kuguhamagara. Mwavuga muti: "Twabimenya dute?" Akoresha ijwi ryanjye. Niba akoresha ijwi ryanjye mu guhishura indwara, ibibagoye n'ibindi, mbese ntimwanamenya ko Arimo kubahamagara kubera ibyaha byanyu? Musohoke! Muveyo nonaha, wenda aya yaba ari yo mahirwe ya nyuma mutazongera kubona.

206 Indi nshuro imwe, nshuti zanjye, hano haracyari umuntu ushaka kuza. Sinshaka kugukoza isoni, kuguhamagara gutyo. Sinamenya neza. Niba hari igihe, bishoboka ko...Abo bafarisayo batekerezaga ko bacunguwe, ariko si ko byari biri. Nawe ni ko utekereza. Ngwino nonaha.

207 Mwumve ko ari byo! Ntimubisitareho ngo amahirwe muyafatire kuri kimwe cya kabili. Niba harimo gushidikanya mu bitekerezo byawe, ntibigusitaze. Ngwino nonaha. Ubu iki ni cyo gihe, mu gihe Iriba rigifunguye, mu gihe Umwuka Wera ari hano. Umwigisha yaraje. Uko gushidikanya, ni ko gutuma akigerageza kukubwira ati: "Urashidikanya." Bireke. Mukomeze muze. Umwigisha Yaje kandi arabahamagara. Ni byo, mukomeze muze, komeza neza.

Ngiye kumuhimbaza, nzamuhimbaza,

Ntimushobora kumuhereza icyubahiro?

Muhimbaze Umwana w'Intama watambiwe abanyabyaha;
Bwoko bwose, mumuhereze icyubahiro,
kubw'amaraso Ye yakuyeho ibizinga byose.

208 Noneho mu gihe abanyanbyaha baje kumwakira, abantu nimumuhereze icyubahiro, muri aka kanya tubiririmba. Tuzamuye ibiganza, mwese hamwe mumuririmbe, mumuhimbaze, twese hamwe:

Nzamuhimbaza, nzamuhimbaza,
Muhimbaze Umwana w'Intama watambiwe abanyabyaha;

209 Mumuhimbaze gusa! Mwebwe muzengurutse hano, nimusenge, mumusabe Ababababarire. Ni byo ari bubakorere. Umwigisha Yaraje kandi arabahamagara. Imana ibahe umugisha.

64-0213 Nuko Yesu Araza Maze Arahamagara
Inzu ya Elliott
Tulare, Kariforuniya Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2024 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

Voice Of God Recordings
P.O. Box 950, Jeffersonville, Indiana 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.


Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:


VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org